**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO Y'UMUCO**

Huye, 17 Kanama 2022.
Nº 2022/ RCHA/ 311

# ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

*"Ubutumwa bw'akababaro ku rupfu rwa Burabyo Yvan – Buravan"*

Inteko y'Umuco ibabajwe n'inkuru y'akababaro y'urupfu rw'umuhanzi Burabyo Yvan uzwi nka BURAVAN rwatangajwe n'umuryango we mu ijoro ryo ku itariki ya 16 Kanama 2022.

Umuhanzi Burabyo Yvan asize umurage mwiza ku rubyiruko n'abakuze wo gukunda no gukundisha abandi umurage gakondo w'u Rwanda. Burabyo Yvan BURAVAN yari umufatanyabikorwa w'Inteko y'Umuco mu guteza imbere ubuhanzi bushingiye ku muco kandi yarangwaga n'ishyaka n'ubupfura mu byo akora agamije kutarekura umurage wacu bityo ngo ukomeze uganze mu Rwanda no mu mahanga.

Inteko y'Umuco nk'urwego rufite mu nshingano iterambere ry'abahanzi, turihanganisha umuryango we, inshuti ze, abakunzi ba muzika nyarwanda n'abafatanyabikorwa mu guteza imbere uruganda rw'ubuhanzi muri rusange, n'urwa muzika by'umwihariko.

Imana imuhe iruhuko ridashira.

Digitally signed by
RCHA(Director General )
Date: 2022.08.17
12:16:58 +02'00'

**Amb. MASOZERA Robert,**
**Intebe y'Inteko**